

A “Ni jye mutsima w’ubugingo”:

❖ Wa muhanuzi wari ukwiriye kuza. Yohana 6:1–15.

- Elisa yatūbūye imitsima ya sayiri, ariko nta watekereje ko ari “wa muhanuzi wari ukwiriye kuza” (2 Abami 4:42–44). Kuki, ubwo Yesu yari amaze gūtūbūra imitsima, imbaga y’abantu yahuje Yesu na wa muhanuzi (Mesiya) wahanuwe na Mose?

(1) Mose:

- (a) Yakuye Isirayeli muri Egiputa kuri Pasika (Kuva 12:12–14, 29–32)
- (b) Yazamutse umusozi wa Sinayi (Kuva 34:2)
- (c) Abisirayeli barageragejwe (Gutegeka 8:2–3)
- (d) Yabahaye manu, “umutsima w’abamarayika” (Zaburi ya 78:25)
- (e) Yategetse gukusanya manu (Kuva 16:15–16)
- (f) Yayoboye imiryango 12 y’Abisirayeli (Kuva 24:4)
- (g) Yahanūye ukūza k’“umuhanuzi” (Gutegeka 18:15)

(2) Yesu

- (a) Pasika yari yegereje (Yohana 6:4)
- (b) Yagiye ku musozi (Yohana 6:3)
- (c) Yagerageje Filipo (Yohana 6:5–6)
- (d) Yatūbūye imitsima (Yohana 6:11)
- (e) Yategetse guteranya ubuvungukira (Yohana 6:12)
- (f) Hakusanijwe intonga 12 (Yohana 6:13)
- (g) Bamwemeye nk’“umuhanuzi” (Yohana 6:14)

❖ Umutsima uvuye mu Ijuru. Yohana 6:16–36.

- Rubanda babonye Yesu nk’umuyobozi mwiza wo kubabatūra kuri Roma: yajyaga kugaburira ingabo kandi agakiza abakomeretse muri bo. Nyamara Yesu yanze kwimikwa (Yohana 6:14–15).
- Bukeye bwaho, Yesu yongeye guhura n’imbaga y’abantu, avugana nabo neza (Yohana 6:22–26). Ntiyashakaga kubakemurira ibibazo by’ibigaragara gusa; yazanywe no kubaha ubugingo buhoraho: “Ni jye mutsima w’ubugingo” (Yohana 6:35).
- Muri iyi mvugo, n’izindi nkayo, Yesu yiyerekanye nk’Imana, “NDI” wavuganye na Mose amaso ku maso (Kuva 3:13–14):

- (1) NI JYE mutsima w’ubugingo (Yohana 6:35)
- (2) NDI umucyo w’isi (Yohana 8:12)
- (3) NI JYE rembo (Yohana 10:7, 9)
- (4) NDI umwungeri mwiza (Yohana 10:11, 14)
- (5) NI JYE kuzūka (Yohana 11:25)
- (6) NDI inzira (Yohana 14:6)
- (7) NDI umuzabibu mwiza (Yohana 15:1, 5)

B “Ndi umucyo w’isi”:

❖ Imibereho imurikiwe n’umucyo. Yohana 9:1–16.

- Ese turwara kubera ko twacumuye? Ese abana bacu barwara kubera ibyaha byacu? Ibi ni ibibazo byari mu ntekerezo z’abigishwa igihe Yesu yabararikiraga kwita ku wavutse ari impumyi (Yohana 9:1–2).
- Isano iri hagati y’icyaha n’indwara yasobanuwe neza, nk’uko tubibona mu rugero rwo gukiza uwamugaye w’i Betesida (Yohana 5:14). Nyamara, iyi ndwara–kimwe n’izindi nyinshi zidufata–yari ifite inkomoko itari nk’iyo (gukomoka ku cyaha kituzengurutse); ntaho yari ihuriye n’icyaha cye cyangwa icy’ababyeyi be.
- Mu gikorwa cyibutsa iremwa ry’umuntu, Yesu yamurikiye ubuzima bw’uwari uhumye, aramuhumura (Yohana 9:6–7; Itangiriro 2:7). Nyuma, Yohana atubwira ingaruka z’iki gitangaza (Yohana 9:8–16).
- Uwahoze ari impumyi yizera Yesu nk’Uwavuye ku Mana (Silowamu), naho Abafarisayo baramwanga kuko akiza indwara ku Isabato. Ariko se ... “Umunyabyaha yabasha ate gukora ibimenyetso bingana bityo?” (Yohana 9:16).

❖ **Guhitamo umwijima. Yohana 9:17–34.**

- Uwari uhumye:
 - (1) Agenda arushaho kubonera mu bya mwuka (Yohana 9:17, 38)
 - (2) Azi ko Yesu ari umukiranutsi (Yohana 9:30–31)
 - (3) Azi ko Yesu yazanywe no kumuha umucyo (Yohana 9:25)
 - (4) Ahamya kwizera Yesu kwe (Yohana 9:32–33)
- Abafarisayo:
 - (1) Barajijwe mu bya mwuka (Yohana 9:16)
 - (2) Batekereza ko Yesu ari umunyabyaha (Yohana 9:24)
 - (3) Ntibazi aho Yesu yavuye cyangwa icyamuzanye (Yohana 9:29)
 - (4) Banze kwizera, maze birukana “umunyabyaha” (Yohana 9:34)
- Mbere yo gukora igitangaza, Yesu yari yaratangaje ati “Nkiri mu isi ndi umucyo w’isi” (Yohana 9:5).
- Yesu ni umucyo umurikira buri muntu kandi ukabayobora ku gakiza (Yohana 1:4, 9; 3:21). Ariko ikibabaje, hariho abahitamo kwibera mu mwijima bakanga agakiza (Yohana 1:11; 3:19–20).
- Uko ni ko byagenze ku Bafarisayo. Imbere yabo bari bafite igihamya cy’umuntu wavutse ari impumyi, noneho akaba abona (Yohana 9:25, 30, 32). Nyamara, imbere y’ibyo bihamya byose, bakomeje kwanga umucyo.

C “Ni jye kuzuka n’ubugingo”:

❖ **Umuzuko wa Lazaro. Yohana 11:1–44.**

- Muri Yohana 11 harimo umubabaro n’amarira (imirongo 1, 14, 19, 21, 31, 32, 35, 38). Nyamara, nk’uko byagenze ku muntu wavutse ari impumyi, Imana yari igiye guhindura ibibabaje byose kuba impamvu yo kwihesha icyubahiro (Yohana 11:4, 15).
- Umukobwa wa Yayiro n’umuhungu w’umupfakazi ukomoka i Nayini bari barazuwe nyuma gato y’uko bapfa. Nyamara, Lazaro yari yaramaze gutangira kubora. Abantu bose batekerezagako ko bidashoboka ko Yesu amuzura (Yohana 11:24, 37).
- Ni irihe tandukaniro riri hagati yo kuzura umuntu ukimara gupfa n’umaze imyaka 5.000 apfuye? Kuri Yesu, nta tandukaniro ririmo. Ni We kuzuka n’ubugingo. Bose bazazurwa n’imbaraga z’ijwi Rye (Yohana 5:28–29).
- Ikibabaje ni uko bamwe batekereje ko ari byiza ko Yesu yapfa aho gutanga ubugingo (Yohana 11:46–50). Ariko abandi barizeye, kandi umunsi uri izina bo–hamwe natwe– bazazukira ubugingo buhoraho (Yohana 11:45).